



**Umwaka wa 63
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 20/02/2024**

**Year 63
Official Gazette n° Special of
20/02/2024**

**63^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
20/02/2024**

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup

Amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora

**Amabwiriza ya Komisiyo y'Ighugu y'Amatora N° 001/24 yo ku wa 19/02/2024 agenga
amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024.....2**



**REPUBLIKA Y'U RWANDA
KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA**



**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA
N°001/24 YO KU WA 19/02/2024 AGENGA AMATORA YA
PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABAEPITE YO MU
MWAKA WA 2024**

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 001/24 YO KU WA
19/02/2024 AGENGA AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABAEPITE
YO MU MWAKA WA 2024**

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Ingingo ya 2: Isobanura

UMUTWE WA II: ILISITI Y'ITORA

Ingingo ya 3: Imiterere y'ilisiti y'itora

Ingingo ya 4: Kwerekwa ilisiti y'itora

Icviciro cya mbere: Kuvugurura ilisiti y'itora

Ingingo ya 5: Kwiyandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora

Ingingo ya 6: Ibisuzumwa mu gihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora

Ingingo ya 7: Uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'itora n'ilisiti y'inteko itora

Ingingo ya 8: Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe inyandiko

Ingingo ya 9: Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga

Ingingo ya 10: Igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora

Ingingo ya 11: Rapor y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora

Ingingo ya 12: Aho ilisiti y'itora ivugururirwa n'aho ibikwa

Icviciro cya 2: Ilisiti y'itora y'agateganyo

Ingingo ya 13: Itangazwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo

Ingingo ya 14: Ikosorwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo

Icviciro cya 3: Ilisiti y'itora ntakuka

Ingingo ya 15: Itangazwa ry'ilisiti y'itora ntakuka

Ingingo ya 16: Ilisiti y'itora ya buri cyumba cy'itora

UMUTWE WA III: ABAYOBORA AMATORA

Icyiciro cya mbere: Abayobora amatora, ibibaranga n'imyitwarire yabo

Ingingo ya 17: Abayobora amatora

Ingingo ya 18: Ibiranga uyobora amatora

Ingingo ya 19: Amahame ngengamyitwarire y'abayobora amatora

Ingingo ya 20: Ibibujiwe uyobora amatora

Icyiciro cya 2: Ishyirwaho n'inshingano z'abakorerabushake b'amatora

Akiciro ka mbere: Ishyirwaho n'isimburwa ry'abakorerabushake b'amatora nuko bahugurwa

Ingingo ya 21: Abatemerewe kuba abakorerabushake b'amatora

Ingingo ya 22: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora

Ingingo ya 23: Abagize komite itoresha ku biro by'itora

Ingingo ya 24: Isimburwa ry'umukorerabushake w'amatora ku biro by'itora

Ingingo ya 25: Amahugurwa y'abakorerabushake b'amatora

Akiciro ka 2: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora

Ingingo ya 26: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Intara n'urw'Umujiyi wa Kigali

Ingingo ya 27: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Akarere

Ingingo ya 28: Inshingano z'abakorerabushake bo ku rwego rw'Umurenge

Ingingo ya 29: Inshingano za Perezida w'ibiro by'itora

Ingingo ya 30: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora

Ingingo ya 31: Inshingano zihuriweho n'abaseseri mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 32: Inshingano z'umuseseri wa mbere mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 33: Inshingano z'umuseseri wa kabiri mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 34: Inshingano z'umuseseri wa gatatu mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 35: Inshingano z'umuseseri wa kane mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 36: Inshingano z'abagize Komite itoresha ku biro by'itora

UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE BY'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA

Icyiciro cya mbere: Abanyamakuru

Ingingo ya 37: Uburenganzira bwo gukurikirana amatora

Ingingo ya 38: Ibisabwa umunyamakuru kugira ngo yemererwe gukurikirana ibikorwa by'amatora

Ingingo ya 39: Imyitwarire iranga umunyamakuru mu bihe by'amatora

Icyiciro cya 2: Inzego zishinzwe umutekano

Ingingo ya 40: Inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Ingingo ya 41: Inshingano z'inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Ingingo ya 42: Ibibujijwe abagize inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Icyiciro cya 3: Indorerezi z'itora

Ingingo ya 43: Inzego z'imbere mu Gihugu zishobora gutrukamo indorerezi z'itora

Ingingo ya 44: Inzego zo hanze y'Igihugu zishobora gutrukamo indorerezi z'itora

Ingingo ya 45: Ibigomba kugaragazwa n'urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora

Ingingo ya 46: Ibishingirwaho mu kugena indorerezi z'itora

Ingingo ya 47: Itumirwa n'iyemererwa ry'indorerezi z'itora

Ingingo ya 48: Ibiranga indorerezi y'itora

Ingingo ya 49: Kwamburwa uruhushya rwo kuba indorerezi y'itora

Ingingo ya 50: Itangira n'isozwa ry'imirimo y'indorerezi y'itora

Icyiciro cya 4: Abahagarariye abakandida

Ingingo ya 51: Abemerewe guhagararira umukandida

Ingingo ya 52: Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida

Ingingo ya 53: Guhabwa uburenganzira bwo guhagararira umukandida

Ingingo ya 54: Ibiranga uhagarariye umukandida

Ingingo ya 55: Ibibujijwe uhagarariye umukandida

UMUTWE WA V: ITANGWA RYA KANDIDATIRE N'ITANGAZWA RYA KANDIDATIRE ZEMEWE

Ingingo ya 56: Igihe ntarengwa cyo gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga

Ingingo ya 57: Uburyo gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga bikorwa

Ingingo ya 58: Abemerewe gufasha uwifuza kuba umukandida wigenga gusinyisha abamushyigikiye

Ingingo ya 59: Ibiranga abafasha uwifuza kuba umukandida wigenga gusinyisha abamushyigikiye

Ingingo ya 60: Ibibujijwe mu gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga

Ingingo ya 61: Igihe cyo kwakira kandidatire

Ingingo ya 62: Itangwa rya kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 63: Itangwa rya kandidatire ku mwanya w'umudepite

Ingingo ya 64: Itangazwa rya kandidatire zemejwe by'agateganyo

Ingingo ya 65: Itangazwa rya kandidatire zemejwe burundu

Ingingo ya 66: Gukuramo kandidatire

UMUTWE WA VI: IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA

Ingingo ya 67: Gahunda y'ibikorwa byo kwiyamamaza

Ingingo ya 68: Ahakorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza

Ingingo ya 69: Uburyo kwiyamamaza bikorwa

Ingingo ya 70: Igihe cyo kwiyamamaza kigenerwa abakandida mu itora riziguye

Ingingo ya 71: Abemerewe kwamamaza umukandida

Ingingo ya 72: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida

Ingingo ya 73: Ahabujijwe gukorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza

Ingingo ya 74: Ibyitabwaho mu kumanika ibyamamaza abakandida

Ingingo ya 75: Ahemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida

Ingingo ya 76: Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida

Ingingo ya 77: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza

Ingingo ya 78: Ibibujije mu bikorwa byo kwiyamamaza

UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA

Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'ahakorerwa itora

Ingingo ya 79: Igenwa ry'ibiro n'ibyumba by'itora

Ingingo ya 80: Ahatorera abasirikare n'abapolisi bacumbitse mu bigo

Ingingo ya 81: Ahakorerwa itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye

Ingingo ya 82: Ahakorerwa itora ry'Abadepite bahagarariye urubyiruko

Ingingo ya 83: Ahakorerwa itora ry'umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga

Ingingo ya 84: Itegurwa ry'ahatorerwa

Ingingo ya 85: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe cy'itora

Ingingo ya 86: Ibibujije mu cyumba cy'itora

Icyiciro cya 2: Ibikoresho by'amatora

Ingingo ya 87: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 88: Ibiranga agasanduku k'itora

Ingingo ya 89: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora rya Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 90: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite ritaziguye

Ingingo ya 91: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite riziguye

Icyiciro cya 3: Ibireba abatora

Ingingo ya 92: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza

Ingingo ya 93: Abemerewe gutorera aho batanditswe

Ingingo ya 94: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi

Ingingo ya 95: Abemerewe kwifashisha ababatorera

Ingingo ya 96: Abemerewe gufasha abatora

Icyiciro cya 4: Imihango yubahirizwa mu itora

Ingingo ya 97: Igihe cyo gutangira no gusoza itora ritaziguye

Ingingo ya 98: Igihe cyo gutangira no gusoza itora riziguye

Ingingo ya 99: Igihe ntarengwa cyo kongera igihe cy'itora

Ingingo ya 100: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora

Ingingo ya 101: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora

Ingingo ya 102: Indahiro y'abayobora amatora

Ingingo ya 103: Gusobanura uko amatora agenda

Ingingo ya 104: Gufunga agasanduku k'itora

Ingingo ya 105: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora

Ingingo ya 106: Integuza yo gusoza itora

Ingingo ya 107: Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora

Ingingo ya 108: Iyongerwa ry'igihe cyo gutangira cyangwa gusoza itora

Ingingo ya 109: Isubikwa ry'itora

Ingingo ya 110: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 111: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora ku biro by'itora

Icyiciro cya 5: Uburyo gutora bikorwa

Ingingo ya 112: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora

Ingingo ya 113: Uburyo bwo gutora Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 114: Uburyo bwo gutora Abadepite mu itora ritaziguye

Ingingo ya 115: Uburyo bwo gutora Abadepite b'abagore mu itora riziguye

Ingingo ya 116: Uburyo bwo gutora Abadepite bahagarariye urubyiruko

Ingingo ya 117: Uburyo bwo gutora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga

Icyiciro cya 6: Ibikwa ry'impapuro z'itora n'ibikoresho by'itora

Ingingo ya 118: Ibikwa ry'impapuro z'itora

Ingingo ya 119: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora

UMUTWE WA VIII: IBARURA N'IHUZWA RY'AMAJWI

Icyiciro cya mbere: Ibyubahirizwa mu ibarura n'ihuzwa ry'amajwi

Ingingo ya 120: Itora riherwaho mu ibarura ry'amajwi

Ingingo ya 121: Ijwi rifatwa nk'imfabusa

Ingingo ya 122: Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida

Ingingo ya 123: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora

Ingingo ya 124: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu itora

Ingingo ya 125: Uburyo itora risubirwamo ku banganyije amajwi ku nshuro ya mbere

Ingingo ya 126: Uburyo tombola ikorwa ku banganyije amajwi ku nshuro ya kabiri

Ingingo ya 127: Uburyo bwo gutangaza ibyavuye mu itora

Icyiciro cya 2: Ibarura n'ihuzwa ry'amajwi

Ingingo ya 128: Ibarura ry'amajwi

Ingingo ya 129: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'ibiro by'itora

Ingingo ya 130: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Akarere

Ingingo ya 131: Ihuzwa ry'amajwi mu itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye

Ingingo ya 132: Ihuzwa ry'amajwi muri ambasade cyangwa konsila

Ingingo ya 133: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Ighugu

UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

Ingingo ya 134: Ishyirwaho ry'inyandiko za ngombwa

Ingingo ya 135: Ikemurwa ry'ikibazo kigaragaye mu cyumba cy'itora cyangwa ku biro by'itora

Ingingo ya 136: Gutangira gukurikizwa

**AMABWIRIZA YA KOMISIYO Y'IGIHUGU Y'AMATORA N° 001/24 YO KU WA
19/02/2024 AGENGA AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA N'AY'ABADEPITE
YO MU MWAKA WA 2024**

Perezida wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora,

Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 001/2019.OL ryo ku wa 29/07/2019 rigenga amatora nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 3, iya 5, iya 10, iya 15, iya 16, iya 20, iya 24, iya 25, iya 26, iya 28, iya 32, iya 34, iya 36, iya 39, iya 40, iya 41, iya 42, iya 43, iya 46, iya 48, iya 50, iya 52, iya 54, iya 55, iya 67, iya 75, iya 78, iya 83, iya 91, iya 92, n'iya 93;

Inama y'Abakomiseri, yateranye ku wa 05/01/2024, imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATANZE AMABWIRIZA AKURIKIRA:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Iningo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agena ibi bikurikira birebana n'amatora ya Perezida wa Repubulika n'ay'Abadepite yo mu mwaka wa 2024:

- (a) imiterere y'ilisiti y'itora;
- (b) uburyo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora bikorwa;
- (c) igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora;
- (d) uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'inteko itora;
- (e) uburyo bwo gutangaza urutonde rw'abantu bakuwe ku ilisiti y'itora;
- (f) uburyo bwo kubika ilisiti y'itora, uwemerewe kwerekwa ilisiti y'itora n'uburyo bwo kuyerekwa;
- (g) igihe cyo gushyikiriza Perezida wa Komisiyo inyandikomvugo z'igikorwa cyo kwiyandikisha ku ilisiti y'itora;
- (h) ishyirwaho ry'abakorerabushake b'itora, inshingano zabo n'uko basimbuzwa;
- (i) ibirebana n'indorerezi z'itora;
- (j) icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida;
- (k) igihe n'uburyo umukandida wigenga ategura ilisiti y'abantu bemerewe gutora bashyigikiye kandidatire ye;
- (l) itangwa n'iyakirwa rya kandidatire;
- (m) uburyo kandidatire zemewe zitangazwamo;

- (n) uburyo gukuramo kandidatire bikorwa;
- (o) uburyo n'imigendekere y'ibikorwa byo kwiyamamaza;
- (p) ibyiciro by'abemerewe gutorera aho batiyandikishirije n'uburyo bikorwa;
- (q) uburyo gutora bikorwamo;
- (r) imiterere y'urupapuro rw'itora n'agasanduku k'itora;
- (s) imigendekere y'ibikorwa by'itora;
- (t) ikusanywa n'ibikwa ry'impapuro z'itora;
- (u) itora riherwaho mu kubarura amajwi;
- (v) uburyo kumenyekanisha no gutangaza ibyavuye mu itora bikorwa.

Ingingo ya 2: Isobanura

Muri aya mabwiriza:

- (a) « **ilisiti y'itora** » bivuga inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora;
- (b) « **ilisiti y'inteko itora** » bivuga inyandiko ikubiyemo umwirondoro w'abantu bemerewe gutora mu itora riziguye;
- (c) « **Komisiyo** » bivuga Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
- (d) « **umukomiseri** » bivuga umukomiseri wa Komisiyo y'Ighugu y'Amatora;
- (e) « **umukorerabushake w'amatora** » bivuga Umunyarwanda utari umukozi wa Komisiyo, ushyirwaho na Komisiyo, kandi wemererwa na Komisiyo kuyobora amatora.
- (f) « **umukozi w'ambasade** » bivuga umukozi ugenwa na Ambasaderi akamenyeshwa Komisiyo;
- (g) « **umukozi wa konsila** » bivuga umukozi ugenwa na Konsile akamenyeshwa Komisiyo.

UMUTWE WA II: ILISITI Y'ITORA

Ingingo ya 3: Imiterere y'ilisiti y'itora

- (1) Ilisiti y'itora igaragaza –

- (a) amazina y'utora;

- (b) ifoto y'utora;
- (c) igihe utora yavukiye;
- (d) aho utora aherereye
- (e) inomero y'ikarita ndangamuntu y'utora cyangwa ikindi kimuranga;
- (f) n'ahavivurwa ku munsi w'itora, utora amaze gutora.

(2) Ilisiti y'itora, imbere mu Gihugu, igaragaza kandi –

- (a) intara cyangwa Umujiyi wa Kigali;
- (b) akarere;
- (c) umurenge;
- (d) akagari;
- (e) n'umudugudu.

(3) Ilisiti y'itora, hanze y'Ighugu, igaragaza kandi –

- (a) ambasade cyangwa konsila;
- (b) n'icyumba cy'itora.

Ingingo ya 4: Kwerekwa ilisiti y'itora

Umukandida cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu wifuza kwerekwa ilisiti y'itora abisaba, mu nyandiko, Perezida wa Komisiyo.

Icivicro cya mbere: Kuvugurura ilisiti y'itora

Ingingo ya 5: Kwiyandikisha no kwikosoza ku ilisiti y'itora

- (1) Mu gihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora, Umunyarwanda wujuje ibyangombwa biteganywa n'itegeko yiyandikisha cyangwa akikosoza ku ilisiti y'itora.
- (2) Umunyarwanda uba mu Gihugu yiyandikisha cyangwa akikosoza ku ilisiti y'itora mu mudugudu abamo.
- (3) Umunyarwanda uba hanze y'Ighugu yiyandikisha cyangwa akikosoza ku ilisiti y'itora ya ambasade cyangwa konsila aherereyemo.

Ingingo ya 6: Ibisuzumwa mu gihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora

Mu gihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora, Umunyarwanda wujuje ibyangombwa biteganywa n'amategeko asuzuma ko –

- (a) ari ku ilisiti y'itora;
- (b) umwirondoro we ari ukuri;
- (c) kandi yanditswe aho yifuza kuzatorera.

Ingingo ya 7: Uburyo bukoreshwa mu kuvugurura ilisiti y'itora n'ilisiti y'inteko itora

Mu kuvugurura ilisiti y'itora n'ilisiti y'inteko itora hakoreshejwe uburyo bw'inyandiko cyangwa uburyo bw'ikoranabuhanga.

Ingingo ya 8: Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe inyandiko

Mu kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe inyandiko, umukorerabushake w'amatora, umukozi w'ambasade cyangwa umukozi wa konsila avugurura ilisiti y'itora –

- (a) yandika ku ilisiti y'itora umuntu mushya;
- (b) avivura umuntu waje kwireba ku ilisiti yitora agasanga ayiriho;
- (c) cyangwa akosora amakosa yagaragaye ku ilisiti y'itora.

Ingingo ya 9: Kuvugurura ilisiti y'itora hakoreshejwe ikoranabuhanga

- (1) Umunyarwanda wemerewe gutora uba mu Gihugu, ku giti cye cyangwa afashijwe n'umukorerabushake w'amatora, ashobora kureba ko yanditswe ku ilisiti y'itora cyangwa kwiyimura ku ilisiti y'itora acoresheje ikoranabuhanga rya murandasi cyangwa irya *short code*.
- (2) Umunyarwanda wemerewe gutora uba hanze y'Ighugu, ku giti cye cyangwa afashijwe n'umukozi w'ambasade cyangwa wa konsila, ashobora kureba ko yanditswe ku ilisiti y'itora cyangwa kwiyimura ku ilisiti y'itora acoresheje ikoranabuhanga rya murandasi.
- (3) Uburyo bwo gukoresha ikoranabuhanga mu kureba ko uwemerewe gutora yanditswe ku ilisiti y'itora, cyangwa mu kwiyimura ku ilisiti y'itora buri mu mugereka wa mbere w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 10: Igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora

Komisiyo itangaza igihe kuvugurura ilisiti y'itora bitangirira n'igihe birangirira. Icyakora, igihe cyo kuvugurura ilisiti y'itora ntigishobora kurenga umunsi umwe ubanziriza umunsi wo gutangaza ilisiti y'itora ntakuka.

Ingingo ya 11: Rapor y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora

- (1) Perezida w'ibiro by'itora yuzuza raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora akayishyikiriza Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere binyujijwe ku mukorerabushake w'amatora wo ku rwego rw'Umurenge. Imiterere ya raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora iri ku mugereka wa 2 w'aya mabwiriza.
- (2) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere ahuza raporo y'ivugururwa ry'ilisiti

y'itora akayohereza ku cyicaro cya Komisiyo, inyujijwe ku muhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara/Umujiyi wa Kigali. Imiterere ya raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora ku rwego rw'Akarere iri ku mugereka wa 3 w'aya mabwiriza.

- (3) Ku rwego rwa ambasade cyangwa urwa konsila, ushinzwe kuvugurura ilisiti y'itora yuzuza raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora akayohereza Perezida wa Komisiyo mu buryo bw'ikoranabuhanga, nibura iminsi itanu mbere y'itangazwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo. Imiterere ya raporo y'ivugururwa ry'ilisiti y'itora ku rwego rwa ambasade cyangwa urwa konsila iri ku mugereka wa 4 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 12: Aho ilisiti y'itora ivugururirwa n'aho ibikwa

- (1) Kuvugurura ilisiti y'itora bikorerwa –
- (a) ku rwego rw'Umudugudu;
 - (b) ku biro bya Ambasade cyangwa ibya Konsila.
- (2) Ilisiti y'itora ibikwa –
- (a) mu biro by'urwego rw'imitegekere y'Igihugu rwegerejwe abaturage;
 - (b) mu biro bya Ambasade;
 - (c) cyangwa mu biro bya Konsila.

Icyiciro cya 2: Ilisiti y'itora y'agateganyo

- (1) Perezida wa Komisiyo atangaza ilisiti y'itora y'agateganyo n'urutonde rw'abakuwe ku ilisiti y'itora bitarenze ku wa 14 Kamena 2024, mu buryo bugenwa na Komisiyo.
- (2) Perezida wa Komisiyo atangaza urutonde rw'abakuwe ku ilisiti y'itora bitarenze ku wa 14 Kamena 2024, mu buryo bugenwa na Komisiyo.
- (3) Komisiyo imenesha Abanyarwanda umurongo w'ikoranabuhanga wifashishwa mu kwireba ku ilisiti y'itora y'agateganyo yatangajwe.

Ingingo ya 14: Ikosorwa ry'ilisiti y'itora y'agateganyo

- (1) Amakosa agaragaye ku ilisiti y'itora y'agateganyo yatangajwe, akosorwa n'Umuhezabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere, binyujijwe kuri Perezida w'ibiro by'itora.
- (2) Muri Ambasade cyangwa Konsila, amakosa agaragaye nyuma yo gutangaza ilisiti y'itora y'agateganyo akosorwa na Ambasaderi cyangwa Konsile.

Icyiciro cya 3: Ilisiti y'itora ntakuka

Ingingo ya 15: Itangazwa ry'ilisiti y'itora ntakuka

Perezida wa Komisiyo atangaza ilisiti y'itora ntakuka y'abemerewe gutora bitarenze ku wa 29 Kamena 2024.

Ingingo ya 16: Ilisiti y'itora ya buri cyumba cy'itora

- (1) Mu cyumba cy'itora hakoreshwa ilisiti y'itora imwe mu matora ya Perezida wa Repubulika no mu matora y'Abadepite.
- (2) Urutonde rw'amazina ari ku ilisiti y'itora y'abatorera mu cyumba cy'itora kimwe rukorwa hakurikijwe urukurikirane rw'inyuguti zibanza z'amazina yabo, nk'uko yanditswe ku ikarita ndangamuntu.
- (3) Umuudugudu ugira icyumba cy'itora cyawo hatitawe ku mubare w'abari ku ilisiti y'itora mu Mudugudu. Icyakora, iyo abatorera mu Mudugudu umwe barenze 500, hafungurwa ibyumba by'itora birenze kimwe muri uwo Mudugudu, bimaze kwemezwa n'Inama y'Abakomiseri.

UMUTWE WA III: ABAYOBORA AMATORA

Icyiciro cya mbere: Abayobora amatora, ibibaranga n'imyitwarire yabo

Ingingo ya 17: Abayobora amatora

Abayobora amatora ni –

- (a) abakomiseri;
- (b) abakozi ba Komisiyo;
- (c) n'abakorerabushake b'amatora.

Ingingo ya 18: Ibiranga uyobora amatora

- (1) Mu bihe by'amatora, uyobora amatora arangwa n'umwambaro cyangwa ikarita imuranga.
- (2) Umwambaro w'uyobora amatora uba uriho ikirango cya Komisiyo.
- (3) Ikarita iranga uyobora amatora igaragaza umwirondoro we n'icyo ashinzwe.

Ingingo ya 19: Amahame ngengamyitwarire y'abayobora amatora

Amahame ngengamyitwarire y'abayobora amatora ni aya akurikira:

- (a) kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;

- (b) kutabogama mu mirimo y'amatora;
- (c) gukorera mu mucyo no mu bwisanzure;
- (d) kugisha inama mu ifatwa ry'ibyemezo;
- (e) gukorana neza n'abo bafatanyije mu bikorwa by'amatora;
- (f) gukorera ku gihe imirimo y'amatora;
- (g) kwigirira icyizere mu mirimo y'amatora;
- (h) kugira ibanga ry'akazi;
- (i) kurangwa n'isuku mu mirimo ashinzwe.

Ingingo ya 20: Ibibujijwe uyobora amatora

Ibibujijwe uyobora amatora, mu gihe cy'ibikorwa by'amatora, ni ibi bikurikira:

- (a) kwivanga cyangwa kujya mu bikorwa by'abakandida;
- (b) gufata ibyemezo birebana n'imiyoborere y'amatora atagishije inama inzego zimukuriye;
- (c) kwiyandarika;
- (d) kwitesha agaciro;
- (e) kwangiza ibikoresho by'amatora;
- (f) gukoresha nabi umutungo wagenewe ibikorwa by'amatora;
- (g) kuvutsa utora uburenganzira bwe;
- (h) guhatira utora gutora uko atatekereje;
- (i) guhindura ibyavuye mu matora;
- (j) gutangaza raporo z'impimbano zidahuje n'ukuri;
- (k) gukoreshwa cyangwa kuyoborwa mu mirimo y'amatora n'abatabifitiye ububasha, harimo umutwe wa politiki, ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki cyangwa umukandida wigenga;
- (l) kwakira impano z'abakandida;
- (m) gushyira imbere inyungu ze bwite;
- (n) guhimana mu kazi;

- (o) gukorera mu bwiru;
- (p) kurema udutsiko tugamije gusenya;
- (q) gukora ikindi cyabangamira imigendekere myiza y'amatora.

Iciciro cya 2: Ishyirwaho n'inshingano z'abakorerabushake b'amatora

Akiciro ka mbere: Ishyirwaho n'isimburwa ry'abakorerabushake b'amatora n'uko bahugurwa

Ingingo ya 21: Abatemerewe kuba abakorerabushake b'amatora

Abantu bakurikira ntibemerewe kuba abakoreshabushake b'amatora:

- (a) umuntu utaruzuza imyaka 18 y'amavuko;
- (b) umuntu ufite imiziro imubuza gutora;
- (c) umuntu ufite imiziro imubuza gutorwa;
- (d) ugize Guverinoma;
- (e) umusenateri;
- (f) umudepite;
- (g) Guverineri w'Intara;
- (h) ugize Komite Nyobozi y'Umujiyi wa Kigali;
- (i) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara;
- (j) Umuyobozi Mukuru w'ibikorwa by'Umujiyi wa Kigali;
- (k) ugize Komite Nyobozi y'Akarere gafite ubuzima gatozi;
- (l) Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere;
- (m) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere;
- (n) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge;
- (o) Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akagari;
- (p) ugize Komite Nyobozi y'Umudugudu;
- (q) umucamanza;
- (r) umushinjacyaha ;

- (s) umugenzacyaha;
- (t) umusirikare;
- (u) umupolisi;
- (v) umukozi w'Urwego rw'u Rwanda rushinzwe Igorora;
- (w) umukozi w'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;
- (x) umukozi w'Urwego rwunganira ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano;
- (y) indorerezi y'itora;
- (z) uri mu buyobozi bw'inzego z'umutwe wa politiki;
- (aa) uhagarariye umutwe wa politiki ku nzego zayo zitandukanye.

Ingingo ya 22: Ishyirwaho ry'abakorerabushake b'amatora

Inama y'Abakomiseri ishyiraho abakorerabushake b'amatora bari mu byiciro bikurikira:

- (a) abakorerabushake b'amatora bo ku rwego rw'Intara;
- (b) abakorerabushake b'amatora bo ku rwego rw'Umujiyi wa Kigali;
- (c) abakorerabushake b'amatora bo ku rwego rw'Akarere;
- (d) abakorerabushake b'amatora bo ku rwego rw'Umurenge, babiri kuri buri Murenge;
- (e) abaperezida b'ibiro by'itora;
- (f) abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora;
- (g) abaseseri bo mu cyumba cy'itora; bane kuri buri cyumba cy'itora;
- (h) abasimbura kuri buri biro by'itora.

Ingingo ya 23: Abagize komite itoresha ku biro by'itora

Abagize komite itoresha ku biro by'itora ni aba bakurikira:

- (a) Perezida w'ibiro by'itora ari na we muyobozi wa komite itoresha;
- (b) n'Abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora.

Ingingo ya 24: Isimburwa ry'umukorerabushake w'amatora ku biro by'itora

- (1) Umukorerabushake w'amatora ku biro by'itora asimburwa ku buryo bukurikira:
 - (a) umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora asimburwa n'umuseseri, bikozwe na Perezida w'ibiro by'itora abanje kugisha inama umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge;
 - (b) umuseseri asimburwa n'umwe mu basimbura b'abakorerabushake b'amatora, bikozwe na Perezida w'ibiro by'itora abanje kugisha inama umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge;
 - (c) Perezida w'ibiro by'itora asimburwa n'umwe mu bagize komite itoresha, bikozwe n'umukorerabushake w'amatora wo ku rwego rw'Umurenge abanje kugisha inama umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere.
- (2) Iyo abasimbura barangije, Perezida w'ibiro by'itora n'umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora bashyiraho umwe mu baje gutora uzwihio ubunyangamugayo, uzi gusoma no kwandika, kandi utari mu batemerewe kuba abakorerabushake b'amatora, bikamenyeshwa umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge.
- (3) Umukorerabushake w'amatora ku rwego rw'Umurenge yuzuza inyandikomvugo y'isimbuzwa rya Perezida w'ibiro by'itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 5 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 25: Amahugurwa y'abakorerabushake b'amatora

Komisiyo ihugura abakorerabushake b'amatora ku buryo bwo kuyobora amatora, mbere y'uko batangira imirimo yabo.

Akiciro ka 2: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora

Ingingo ya 26: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Intara n'urw'Umujiyi wa Kigali

Inshingano z'umukorerabushake w'amatora ku rwego rw'Intara akoreramo cyangwa k'urw'Umujiyi wa Kigali ni izi zikurikira:

- (a) gukorana n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo mu Ntara cyangwa mu Mujyi wa Kigali;
- (b) gucunga ibikoresho by'amatora n'umutungo wagonewewe ibikorwa by'amatora;
- (c) kubahiriza gahunda y'amatora;
- (d) gushyira mu bikorwa gahunda y'amatora;
- (e) kwakira indorerezi z'itora.

Ingingo ya 27: Inshingano z'abakorerabushake b'amatora ku rwego rw'Akarere

Inshingano z'umukorerabushake w'amatora ku rwego rw'Akarere akoreramo ni izi zikurikira:

- (a) gucunga ibikoresho by'amatora n'umutungo wagenewe ibikorwa by'amatora;
- (b) gukurikirana ibikorwa byo kwiyamamaza;
- (c) gukorana n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo;
- (d) kwakira indorerezi z'amatora;
- (e) kubahiriza gahunda y'amatora;
- (f) gushyira mu bikorwa gahunda y'amatora.

Ingingo ya 28: Inshingano z'abakorerabushake bo ku rwego rw'Umurenge

Inshingano z'umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge akoreramo ni izi zikurikira:

- (a) kuyobora no guhuza ibikorwa by'amatora;
- (b) gukorana n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo;
- (c) gucunga ibikoresho by'amatora n'umutungo wagenewe ibikorwa by'amatora;
- (d) kubahiriza gahunda y'amatora;
- (e) gushyira mu bikorwa gahunda y'amatora;
- (f) kwakira indorerezi z'itora.

Ingingo ya 29: Inshingano za Perezida w'ibiro by'itora

Inshingano za Perezida w'ibiro by'itora, ku biro by'itora ashinzwe, ni izi zikurikira:

- (a) guhuza no kuyobora imirimo y'amatora;
- (b) gusimbuza abaseseri;
- (c) kwakira indahiro z'abakorerabushake b'amatora, mbere y'itora;
- (d) gucunga ibikoresho by'amatora;
- (e) gutunganya ibiro by'itora;
- (f) kuzuza no gushyira umukono ku nyandiko zижyanye n'amatora;
- (g) kwakira indorerezi z'itora;

- (h) kwakira abahagarariye abakandida;
- (i) gukorana n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo;
- (j) kwita ku mutekano w'ibikoresho by'amatora n'ahatorerwa, hifashishijwe inzego zishinzwe umutekano;
- (k) guhuriza hamwe ibyavuye mu matora mu byumba by'itora;
- (l) gushyikiriza Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku biro by'itora abinyujije ku mukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge.

Ingingo ya 3: Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora

Inshingano z'Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora, ku cyumba cy'itora ashinzwe, ni izi zikurikira:

- (a) guhuza no kuyobora imirimo y'amatora;
- (b) kuyobora abaseseri ;
- (c) guharanira isuku;
- (d) kwakira no gukurikirana imikoreshereze y'ibikoresho by'amatora;
- (e) kuyobora no guha ibisobanuro abaje gutora;
- (f) kuzuza no gushyira umukono ku nyandiko zижане n'amatora;
- (g) guharanira ituze ku mirongo y'abaje gutora;
- (h) kugenzura ko abaje gutora bujuje ibisabwa kugira ngo bemererwe gutora, nk'uko biteganywa n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
- (i) kwakira indorerezi z'itora,
- (j) kwakira abahagarariye abakandida;
- (k) kwakira abafatanyabikorwa ba Komisiyo;
- (l) gukemura impaka zavuka mu cyumba cy'itora;
- (m) gufunga no gufungura udusanduku tw'itora afatanyije n'abaseseri;
- (n) gushyikiriza Perezida w'ibiro by'itora ibyavuye mu matora.

Ingingo ya 31: Inshingano zihuriweho n'abaseseri mu cyumba cy'itora

Inshingano zihuriweho n'abaseseri mu cyumba cy'itora bashinzwe, ni izi zikurikira:

- (a) kwakira no gukoresha neza ibikoresho by'itora;
- (b) gutunganya icyumba cy'itora;
- (c) gutunganya ubwihugiko bukoreshwa mu matora;
- (d) kwakira abaje gutora no kubaha ibisobanuro, hubahirizwa amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
- (e) kugenzura ko uje gutora nta kindi cyumba cy'itora yaba yatoreyemo mbere;
- (f) kwakira indorerezi z'itora;
- (g) kwakira abahagarariye abakandida;
- (h) kwakira abafatanyabikorwa ba Komisiyo;
- (i) kubarura amajwi hakurikijwe amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
- (j) gutegura no gushyira umukono ku nyandiko zijiyanje n'amatora, hashingiwe ku mategeko n'amabwiriza bigenga amatora.

Ingingo ya 32: Inshingano z'umuseseri wa mbere mu cyumba cy'itora

- (1) Inshingano z'umuseseri wa mbere mu cyumba cy'itora ni izi zikurikira:
 - (a) kugenzura ko umuntu uje gutora yanditswe ku ilisiti y'itora;
 - (b) gusuzuma ko icyangombwa kiranga umuntu uje gutora gihuye n'ibyanditswe ku ilisiti y'itora;
 - (c) kuvivura amazina y'umuntu yemereye gutora ku ilisiti y'itora;
 - (d) gutegura inyandikomvugo y'abantu yemereye gutora ariko batanditswe ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
 - (e) gutegura ibiri bwuzuzwe muri raporo ku batoye, hashingiwe ku biteganyijwe muri aya mabwiriza.
- (2) Imiterere y'inyandikomvugo y'abatoreye aho batiyandikishirije iri ku mugerekwa wa 6 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 33: Inshingano z'umuseseri wa kabiri mu cyumba cy'itora

Inshingano z'umuseseri wa kabiri mu cyumba cy'itora ni izi zikurikira:

- (a) guha umuntu ugiye gutora urupapuro rw'itora rutorerwaho Perezida wa Repubulika, no kumwereka uko ruzingwa;

- (b) kubarura abantu yahaye impapuro z'itora zitorerwaho Perezida wa Repubulika;
- (c) kwereka umuntu ugiye gutora ubwihugiko n'agasanduku k'itora ashyiramo urupapuro rw'itora yatoreyeho Perezida wa Repubulika;
- (d) kwereka umuntu urangije gutora Perezida wa Repubulika aho anyura kugira ngo ahabwe urupapuro rw'itora rutorerwaho Abadepite.

Ingingo ya 34: Inshingano z'umuseseri wa gatatu mu cyumba cy'itora

Inshingano z'umuseseri wa gatatu mu cyumba cy'itora ni izi zikurikira:

- (1) guha umuntu ugiye gutora urupapuro rw'itora rutorerwaho Abadepite, no kumwereka uko ruzingwa;
- (2) kubarura abantu yahaye impapuro z'itora zitorerwaho Abadepite;
- (3) kwereka umuntu ugiye gutora ubwihugiko n'agasanduku k'itora ashyiramo urupapuro rw'itora yatoreyeho Abadepite;
- (4) kwereka umuntu urangije gutora Abadepite aho anyura kugira ngo asigwe wino yabugenewe mbere y'uko asohoka mu cyumba cy'itora.

Ingingo ya 35: Inshingano z'umuseseri wa kane mu cyumba cy'itora

Inshingano z'umuseseri wa kane mu cyumba cy'itora ni izi zikurikira:

- (a) kugenzura ko umuntu urangije gutora yashyize urupapuro rw'itora mu gasanduku kabugenewe;
- (b) gusiga wino yabugenewe ku rutoki rw'agahera rw'umuntu urangije gutora.

Ingingo ya 36: Inshingano z'abagize Komite itoresha ku biro by'itora

Inshingano za Komite itoresha ku biro by'itora ni izi zikurikira:

- (a) gukemura ibibazo byavuka mu cyumba cy'itora cyangwa ku biro by'itora;
- (b) gukora inyandikomvugo y'imigendekere y'itora.

UMUTWE WA IV: INSHINGANO N'IMYITWARIRE BY'ABAGIRA URUHARE MU BIKORWA BY'AMATORA

Icyiciro cya mbere: Abanyamakuru

Ingingo ya 37: Uburenganzira bwo gukurikirana amatora

Abanyamakuru bujuje ibisabwa bemerewe gukurikirana ibikorwa by'amatora.

Ingingo ya 38: Ibisabwa umunyamakuru kugira ngo yemererwe gukurikirana ibikorwa by'amatora

Ibisabwa umunyamakuru kugira ngo yemererwe gukurikirana ibikorwa by'amatora ni ibi bikurikira:

- (a) kuba ari umunyamakuru w'umwuga;
- (b) kuba afite ikarita y'akazi cyangwa icyemezo gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 39: Imiyitwarire iranga umunyamakuru mu bihe by'amatora

Mu bihe by'amatora, umunyamakuru arangwa n'imiyitwarire n'imikorere byubahiriza –

- (a) amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
- (b) n'amategeko n'amahame bigenga umwuga w'itangazamakuru.

Icyiciro cya 2: Inzego zishinzwe umutekano

Ingingo ya 40: Inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora ni izi zikurikira:

- (a) Ingabo z'u Rwanda;
- (b) Polisi y'Ighugu;
- (c) Urwego rw'Ighugu rushinzwe Iperereza n'Umutekano;
- (d) Urwego rwunganira Ubuyobozi bw'Akarere mu gucunga umutekano.

Ingingo ya 41: Inshingano z'inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Inshingano z'inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora ni izi zikurikira:

- (a) kumenya no kubahiriza amategeko n'amabwiriza bigenga amatora;
- (b) gucunga umutekano w'abakandida, abatora, abayobora amatora n'abandi bari mu bikorwa by'amatora;
- (c) gucunga umutekano ku biro by'itora;
- (d) gucunga umutekano w'ibikoresho by'amatora;
- (e) kunganira abayobora amatora ku bijyanye n'umutekano, igihe cyose biyambajwe;
- (f) kugira inama abayobora amatora ku bijyanye n'umutekano w'amatora;
- (g) gukumira ibikorwa bishobora guhungabanya imigendekere myiza y'amatora;

(h) gushyikiriza abakekwaho gukora ibyahabihungabanya ibikorwa by'amatora inzego zibishinzwe hubahirizwa amategeko abigenga.

Ingingo ya 42: Ibibujijwe abagize inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora

Ibibujijwe ugize inzego zishinzwe umutekano mu bihe by'amatora ni ibi bikurikira:

- (a) kubogamira ku mukandida uwo ari we wese;
- (b) kwivanga mu miyoborere y'amatora;
- (c) gushyira iterabwoba ku bayobora amatora, ku bakandida, ku ndorerezi, ku bahagarariye abakandida no ku batora;
- (d) kwinjira mu cyumba cy'itora atagiye gutora cyangwa atabisabwe n'abayobora amatora;
- (e) kwinjirana intwaro mu cyumba cy'itora.

Icyiciro cya 3: Indorerezi z'itora

Ingingo ya 43: Inzego z'imbere mu Gihugu zishobora guturukamo indorerezi z'itora

Inzego z'imbere mu Gihugu zishobora guturukamo indorerezi z'itora ni izi zikurikira:

- (a) urwego rwa Leta rufite mu nshingano zarwo ibifitanye isano n'amatora;
- (b) Umutwe wa Politiki wemewe mu Rwanda;
- (c) Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki;
- (d) umuryango nyarwanda utari uwa Leta ukorera mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko kandi ufite mu nshingano zaho ibifitanye isano n'amatora;
- (e) umuryango ushingiye ku myemerere ufite ubuzimagatozi.

Ingingo ya 44: Inzego zo hanze y'Igihugu zishobora guturukamo indorerezi z'itora

Inzego zo hanze y'Igihugu zishobora guturukamo indorerezi z'itora z'Abanyamahanga ni izi zikurikira:

- (a) umuryango mpuzamahanga;
- (b) umuryango mvamahanga utari uwa Leta;
- (c) Ambasade cyangwa Konsila y'Igihugu cy'amahanga mu Rwanda;
- (d) urwego rushinzwe amatora mu kindi gihugu.

Ingingo ya 45: Ibigomba kugaragazwa n'urwego rusaba kohereza indorerezi z'itora

Urwego rusaba kuba indorerezi rugaragaza ibi bikurikira:

- (a) urutonde rw'indorerezi z'itora;
- (b) umwirondoro wa buri ndorerezi y'itora;
- (c) Umuvugizi w'izo ndorerezi z'itora n'umusimbura;
- (d) Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali cyangwa Akarere buri ndorerezi yifuza gukoreramo.

Ingingo ya 46: Ibishingirwaho mu kugena indorerezi z'itora

- (1) Mu kugena indorerezi z'itora, urwego rutanga indorerezi rwita kuri ibi bikurikira:
 - (a) uburambe mu gukurikirana amatora, ubumenyi mu mitegurire cyangwa mu migendekere y'amatora;
 - (b) ubunyangamugayo n'ubunyamwuga;
 - (c) kutabogama no kuvuga ibintu uko biri;
 - (d) ubumenyi ku mategeko y'u Rwanda n'amategeko agenga amatora by'umwihariko;
 - (e) ubumenyi mu mahame mpuzamahanga agenga indorerezi z'itora;
 - (f) ubumenyi ku byerekeye umuco, amateka, imiterere n'imitgekere by'u Rwanda.
- (2) Icyakora, indorerezi z'itora zidafite ubwenegihugu nyarwanda, hanarebwa by'umwihariko ibi bikurikira:
 - (a) kugira ibyangombwa bigifite agaciro bimwemerera kuba ari mu Rwanda;
 - (b) kubahiriza amabwiriza mpuzamahanga cyangwa yihariye yerekanye n'iby'ubuzima cyangwa iby'umutekano ku binjira cyangwa abasohoka mu Gihugu.

Ingingo ya 47: Itumirwa n'iyemererwa ry'indorerezi z'itora

Igikorwa cyo gutumira no kwemerera indorerezi z'itora gitangira ku wa 15 Werurwe 2024 kigasozwa ku wa 14 Nyakanga 2024.

Ingingo ya 48: Ibiranga indorerezi y'itora

- (1) Mbere yo gutangira imirimo yayo, indorerezi y'itora yemerewe na Komisiyo gukurikirana ibikorwa by'amatora ihabwa ibiyiranga byabugenewe.
- (2) Indorerezi igomba kwerekana ibiyiranga mu gihe ikurikirana ibikorwa by'amatora.

Ingingo ya 49: Kwamburwa uruhushya rwo kuba indorerezi y'itora

- (1) Komisiyo ishobora kwambura indorerezi y'itora uruhushya rwo gukurikirana amatora, iyo itubahirije ibiteganywa n'amategeko n'amabwiriza bigenga amatora.
- (2) Indorerezi y'itora yambuwe uruhushya rwo gukurikirana amatora ibimenyeshwa mu nyandiko ihabwa urwego ihagarariye, yo igahabwa Kopi.

Ingingo ya 50: Itangira n'isozwa ry'imrimo y'indorerezi y'itora

Indorerezi y'itora itangira gukurikirana ibikorwa by'amatora ku munsi yemerewe na Komisiyo, ikabisoza ku munsi urwego ihagarariye rushyikirije Komisiyo raporo yayo mu nyandiko.

Icyiciro cya 4: Abahagarariye abakandida

Ingingo ya 51: Abemerewe guhagararira umukandida

Umuntu wemerewe guhagararira umukandida agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- (a) kuba ari umunyarwanda;
- (b) kuba yujuje imyaka 18 y'amavuko;
- (c) kuba yanditswe ku ilisiti y'itora;
- (d) kuba adafite imiziro imubuza gutora;
- (e) kuba afite ikarita ndangamuntu cyangwa ikindi cyemezo gisimbura indangamuntu.

Ingingo ya 52: Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida

- (1) Gusaba uburenganzira bwo guhagararira umukandida bitangira ku munsi Komisiyo yatangarijeho urutonde rw'ibiro by'itora n'ibyumba by'itora, bikarangira nibura iminsi itatu mbere y'umunsi w'itora.
- (2) Umukandida uteganya guhagararira ku biro by'itora cyangwa mu byumba by'itora ashyikiriza Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere urutonde rw'abantu ashaka ko bamuhagararira mu matora ku rwego rw'ibiro by'itora cyangwa urw'icyumba cy'itora.
- (3) Urwo rutonde rugaragaza ibi bikurikira:
 - (a) amazina y'uzahagararira umukandida;
 - (b) inomero y'ikarita ndangamuntu ye;
 - (c) ibiro by'itora cyangwa icyumba cy'itora azahagarariramo umukandida.
- (4) Imiterere y'urutonde rw'abahagararira umukandida ku biro by'itora no mu byumba by'ibiro by'itora, iri ku mugereka wa 7 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 53: Guhabwa uburenganzira bwo guhagararira umukandida

- (1) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere atanga uburenganzira bwo guhagararira umukandida, binyuze mu gushyira umukono ku rutonde rw'abahagararira umukandida yashyikirijwe, iyo bujuje ibisabwa.
- (2) Uburenganzira buhabwa abahagarariye abakandida ku biro by'itora bukubiyemo ubwo gukurikirana ibikorwa by'amatora mu byumba by'itora byose bigize ibiro by'itora bashinzwe n'ababatumye, nk'uko bigaragara ku rutonde rwashyizweho umukono n'Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere.
- (3) Icyakora, abahagarariye abakandida ku biro by'itora cyangwa mu cyumba cy'itora ntibemerewe kwinjira mu bwiugiko mu masaha yo gutora.
- (4) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere atanga uburenganzira bwo guhagararira umukandida nibura umunsi umwe mbere y'umunsi w'itora.
- (5) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere ashyikiriza Perezida w'ibiro by'itora urutonde rw'abazahagararira abakandida rwemejwe.

Ingingo ya 54: Ibiranga uhagarariye umukandida

- (1) Ibiranga uhagarariye umukandida ku biro by'itora cyangwa mu cyumba cy'itora ni ibi bikurikira:
 - (a) ikarita ndangamuntu ye;
 - (b) icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida gitangwa n'umukandida ahagarariye.
- (2) Imiterere y'icyemezo gitanga ububasha bwo guhagararira umukandida uri ku mugureka wa 8 w'aya mabwiriza.
- (3) Uhagarariye umukandida agomba kwitwaza no kwerekana ibimuranga igihe cyose ari mu bikorwa by'amatora.

Ingingo ya 55: Ibujije uhagarariye umukandida

Uhagarariye umukandida abujije –

- (a) guhagararira abakandida barenze umwe;
- (b) guhagararira umukandida aho atamuhereye uburenganzira;
- (c) no guha amabwiriza abayobora amatora.

**UMUTWE WA V: ITANGWA RYA KANDIDATIRE N'ITANGAZWA RYA
KANDIDATIRE ZEMEWE**

Ingingo ya 56: Igihe ntarengwa cyo gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga

Igikorwa cyo gusinyisha abantu bashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga gitangira ku wa 18 Mata 2024 kigasozwa ku wa 30 Gicurasi 2024.

Ingingo ya 57: Uburyo gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga bikorwa

- (1) Uwifuza kuba umukandida wigenga asinyisha ubwe abamushyigikiye cyangwa akifashisha abandi bantu bemerewe gutora yihiiyemo.
- (2) Mbere yo gutangira gusinyisha abamushyigikiye yifashishije abandi bantu, uwifuza kuba umukandida wigenga ashyikiriza umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere yifuza gusinyishirizamo abamushyigikiye, urutonde rw'abantu bamufasha muri icyo gikorwa, akagenera kopi ubuyobozi bw'Akarere.
- (3) Gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga bikorwa huzuzwa urutonde ruri ku mugereka wa 9 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 58: Abemerewe gufasha uwifuza kuba umukandida wigenga gusinyisha abamushyigikiye

Umuntu ufasha uwifuza kuba umukandida wigenga gusinyisha abamushyigikiye agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- (a) kuba ari Umunyarwanda;
- (b) kuba yujuje imyaka 18 y'amavuko;
- (c) kuba yanditswe ku ilisiti y'itora;
- (d) kuba afite ikanita ndangamuntu cyangwa icyangombwa kiyisimbura.

Ingingo ya 59: Ibiranga abafasha uwifuza kuba umukandida wigenga gusinyisha abamushyigikiye

- (1) Umuntu ufasha uwifuza kuba umukandida wigenga mu gikorwa cyo gusinyisha abamushyigikiye yitwaza ikanita ndangamuntu ye n'icyemezo kimuranga ahabwa n'uwifuza kuba umukandida wigenga.
- (2) Imiterere y'icyemezo gihabwa umuntu ufasha uwifuza kuba umukandida wigenga mu gikorwa cyo gusinyisha abamushyigikiye, iri ku mugereka wa 10 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 60: Ibibujije mu gusinyisha abashyigikiye uwifuza kuba umukandida wigenga

Uwifuza kuba umukandida wigenga cyangwa umuntu umufasha gusinyisha abamushyigikiye ntiyemerewe gusinyishiriza abamushyigikiye kwa muganga, mu isoko rusange, mu mashuri, cyangwa mu rusengero.

Ingingo ya 61: Igihe cyo kwakira kandidatire

- (1) Komisiyo yakira kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika guhera ku wa 17 Gicurasi 2024 kugeza ku wa 30 Gicurasi 2024.
- (2) Komisiyo yakira kandidatire ku mwanya w'ubudepite guhera ku wa 17 Gicurasi 2024 kugeza ku wa 30 Gicurasi 2024.
- (3) Kwakira kandidatire bikorerwa ku cyicaro gikuru cya Komisiyo mu minsi y'akazi, guhera saa tatu za mu gitondo, kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba.

Ingingo ya 62: Itangwa rya kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika

- (1) Umuntu wifuza kuba umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika ashyikiriza Komisiyo ku gitit cye, kandidatire ye mu nyandiko ebyiri zisa ziriho umukono cyangwa igikumwe bye.
- (2) Iyo kandidatire iherekezwa n'inyandiko zikurikira:
 - (a) inyandiko zitangwa ari ebyiri z'umwimerere:
 - (i) umwirondoro ugaragaza:
 - (A) amazina ye ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;
 - (B) itariki y'amavuko;
 - (C) aho yavukiye;
 - (D) aho aba;
 - (E) umurimo akora;
 - (F) imirimo yakoze;
 - (ii) icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;
 - (iii) amafoto abiri magufi y'amabara afite imbuganyuma y'ibara ry'umweru;
 - (iv) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, gitangwa n'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru;
 - (v) ikimenyetso cy'umutwe wa politiki cyangwa icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya

politiki gishyirwa ku rupapuro rw'itora, iyo ari umukandida watanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa n'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki;

- (vi) ikiményetso cy'uwigifa kuba umukandida wigenga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;
- (vii) inyandiko y'uwigifa kuba umukandida yemeza ko nta bundi bwenegihugu afite cyangwa igaragaza ko yaretse ubundi bwenegihugu yari afite;
- (viii) inyandiko uwifusa kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko yatanze ari ukuri.

(b) inyandiko zitangwa ari imwe y'umwimerere na kopi imwe:

- (i) icyemezo cy'ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko gitangwa n'urwego rushinzwe abinjira n'abashoka mu Gihugu;
- (ii) icyemezo cyerekana ko uwifusa kuba umukandida yaretse ubundi bwenegihugu gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha, iyo yari afite ubundi bwenegihugu;
- (iii) icyemezo kigaragaza ko uwifusa kuba umukandida yatanze n'Umutwe wa Politiki cyangwa n'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki, iyo ari umukandida watanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa n'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki;
- (iv) icyemezo gitangwa n'urwego rw'Umuvunyi kigaragaza ko uwifusa kuba umukandida yakoze imenyekanisha ry'umutungo, iyo ari mu bategetswe gukora imenyekanisha ry'umutungo;
- (v) icyemezo cya muganga gitangwa n'umuganga wemewe ukorera ku Bitaro by'Intara, ku Bitaro bikuru; cyangwa mu Kigo cy'Ubuuzi no Kwigisha ku rwego rwa Kaminuza;
- (vi) urutonde rw'abantu nibura 600 ruriho abantu nibura 12 muri buri Karere, bashyigikiye kandidatire y'uwigifa kuba umukandida wigenga;

(c) ikarita ndangamuntu itangwa ari kopi ebyiri.

Ingingo ya 63: Itangwa rya kandidatire ku mwanya w'umudepite

- (1) Umuntu wifusa kuba umukandida ku mwanya w'umudepite wigenga, uw'umudepite w'umugore mu matora aziguye, uw'umudepite uhagararira urubyiruko, n'uw'umudepite uhagararira abantu bafite ubumuga ashyikiriza Komisiyo ku giti cye, kandidatire ye mu nyandiko ebyiri zisa ziraho umukono cyangwa igikumwe bye. Icyakora, kandidatire y'uwigifa kuba umukandida atanzwe n'umutwe wa politiki cyangwa n'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki ishyikirizwa Komisiyo n'uhagarariye uwo mutwe wa politiki cyangwa iryo shyirahamwe ry'imitwe ya politiki.

- (2) Iyo kandidatire iherekezwa n'inyandiko zikurikira:

(a) inyandiko zitangwa ari ebyiri z'umwimerere:

(i) umwirondoro ugaragaza:

(A) amazina ye ahwanye n'ari ku ikarita ndangamuntu ye;

(B) itariki y'amavuko;

(C) aho yavukiye;

(D) aho aba;

(E) umurimo akora;

(ii) icyemezo cy'amavuko gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;

(iii) amafoto abiri magufi y'amabara afite imbuganyuma y'ibara ry'umweru;

(iv) icyemezo kigaragaza ko umuntu yakatiwe cyangwa atakatiwe n'inkiko kitarengeje amezi atandatu, gitangwa n'Urwego rw'Ubushinjacyaha Bukuru;

(v) ikimenyetso cy'umutwe wa politiki cyangwa icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki gishyirwa ku rupapuro rw'itora, iyo ari umukandida watanzwe n'Umutwe wa Politiki cyangwa n'Ishyirahamwe ry'Imitwe ya Politiki;

(vi) ikimenyetso cy'uwigifa kuba umukandida wigenga gishyirwa ku rupapuro rw'itora;

(vii) inyandiko y'uwigifa kuba umukandida igaragaza ifasi ashaka kwiyamamarizamo, iyo ari umukandida w'umudepite w'umugore mu matora aziguye;

(viii) inyandiko uwifusa kuba umukandida yashyizeho umukono cyangwa igikumwe yemeza ko inyandiko yatanze ari ukuri.

(b) inyandiko zitangwa ari imwe y'umwimerere na kopi imwe:

(i) icyemezo cya muganga gitangwa n'umuganga wemewe ukorera ku Bitaro by'Intara, ku Bitaro bikuru; cyangwa mu Kigo cy'Ubuuzi no Kwigisha ku rwego rwa Kaminuza;

(ii) urutonde rw'abantu nibura 600 ruriho abantu nibura 12 muri buri Karere, bashyigikiye kandidatre y'uwigifa kuba umukandida wigenga;

(iii) icyemezo cya muganga wemewe na Leta kandi ubifitemo ubumenyi kigaragaza ubumuga uwifusa kuba umukandida afite, iyo ari umukandida uhagararira abafite ubumuga;

(c) ikarita ndangamuntu itangwa ari kopi ebyiri.

- (3) Uhagarariye umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki wagenwe mu gushyikiriza Komisiyo ilisiti y'abifuza kuba abakandida n'amadosiye yabo, agomba gushyikiriza Komisiyo icyemezo cy'ububasha yahawe n'uwo mutwe wa politiki cyangwa n'iryo shyirahamwe ry'imitwe ya politiki.

Ingingo ya 64: Itangazwa rya kandidatire zemejwe by'agateganyo

- (1) Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika rwemejwe by'agateganyo, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, ku wa 06 Kamena 2024.
- (2) Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida ku mwanya w'umudepite rwemejwe by'agateganyo, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, ku wa 06 Kamena 2024.

Ingingo ya 65: Itangazwa rya kandidatire zemejwe burundi

- (1) Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika rwemejwe burundi, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, ku wa 14 Kamena 2024.
- (2) Komisiyo itangaza urutonde rw'abakandida ku mwanya w'umudepite rwemejwe burundi, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, ku wa 14 Kamena 2024.

Ingingo ya 66: Gukuramo kandidatire

- (1) Umukandida wifuza gukuramo kandidatire ye abimenyesha mu nyandiko Perezida wa Komisiyo.
- (2) Iyo gukuramo kandidatire bikozwe urupapuro rw'itora rwarangije gukorwa, urwo rupapuro rukomeza kugira agaciro, ariko Komisiyo ikabimenyesha abatora ikoreshheje itangazo imanika muri buri cyumba cy'itora n'ubundi buryo bwo kumenyesha bushoboka.

UMUTWE WA VI: IBIKORWA BYO KWIYAMAMAZA

Ingingo ya 67: Gahunda y'ibikorwa byo kwiyamamaza

- (1) Mu matora ataziguye, abakandida bigenga, imitwe ya politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byatanze abakandida, bishyikiriza mu nyandiko Komisiyo gahunda y'ibikorwa byabyo byo kwiyamamaza, bikagenera kopi ubuyobozi bw'Akarere ibyo bikorwa bizaberamo, bitarenze ku wa 18 Kamena 2024.
- (2) Mu matora aziguye, Komisiyo imenyesha abakandida n'inteko itora gahunda y'ibikorwa byo kwiyamamaza, bitarenze ku wa 16 Kamena 2024.

Ingingo ya 68: Ahakorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza

- (1) Mu matora ataziguye, abiyamamaza bagena ubwabo ahantu n'igihe bakorera ibikorwa byabyo kwiyamamaza, bakurikije gahunda bashyikirije Komisiyo.

- (2) Mu matora aziguye, Komisiyo ni yo igena ahantu n'igihe ibikorwa byo kwiyamamaza imbere y'abagize inteko itora bikorerwa. Icyakora, umukandida afite uburenganzira bwo gutegura ubwe gahunda ye yihariye yo kwiyamamaza imbere y'abagize inteko itora.
- (3) Mu itora riziguye, umukandida wifuza kwiyamamaza imbere y'inteko itora ashingiye kuri gahunda ye yihariye abimenyesha mu nyandiko ubuyobozi bw'Akarere yifuza kwiyamarizamo, akagenera kopi umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'ako Karere, hasigaye nibura umunsi umwe mbere y'umunsi azyamamarizaho.

Ingingo ya 69: Uburyo kwiyamamaza bikorwa

- (1) Ku mwanya wa Perezida wa Repubulika –
 - (a) umukandida wigenga yiyamamaza ku giti cye cyangwa akamamazwa n'undi muntu yabihereye ububasha;
 - (b) umukandida watanzwe n'umutwe wa politiki cyangwa n'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki yiyamamaza hakurikijwe uburyo bwateguve n'uwo mutwe wa politiki cyangwa n'iryo shyirahamwe ry'imitwe ya politiki.
- (2) Ku mwanya w'umudepite mu matora ataziguye –
 - (a) umukandida wigenga yiyamamaza ku giti cye cyangwa akamamazwa n'undi muntu yabihereye ububasha;
 - (b) umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byatanze abakandida bikora ibikorwa byo kwamamaza hakurikijwe uburyo bwateguve n'uwo mutwe wa politiki cyangwa n'iryo shyirahamwe ry'imitwe ya politiki.
- (3) Ku mwanya w'umudepite mu matora aziguye, umukandida yiyamamaza ku giti cye cyangwa akamamazwa n'undi muntu yabihereye ububasha.
- (4) Ibikorwa byo kwamamaza umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika n'abakandida ku mwanya w'umudepite bari ku ilisiti batanzwe n'umutwe wa politiki cyangwa n'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bishobora gukorerwa icyarimwe.
- (5) Umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki byatanze ilisiti y'abakandida ku mwanya w'umudepite, ariko bishyigikiye umukandida w'undi mutwe wa politiki, uw'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki cyangwa umukandida wigenga ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, bishobora kwamamaza abakandida bawo ku mwanya w'umudepite, bikamamaza n'umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika bishyigikiye.

Ingingo ya 70: Igihe cyo kwiyamamaza kigenerwa abakandida mu itora riziguye

Abakandida bagenerwa igihe kingana kandi kitarenze iminota 10 cyo kwiyamamaza imbere y'inteko itora.

Ingingo ya 71: Abemerewe kwamamaza umukandida

- (1) Umuntu wemerewe kwamamaza umukandida ni uwanditswe ku ilisiti y'itora.
- (2) Umukandida wigenga, umutwe wa politiki cyangwa ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki bishyikiriza Komisiyo urutonde rw'abantu babikorera ibikorwa byo kwiyamamaza, bikagenera kopi ubuyobozi bw'Akarere bizakoreramo ibikorwa byo kwiyamamaza.

Ingingo ya 72: Icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida

- (1) Umuntu wamamaza umukandida yitwaza icyemezo cy'umwimerere kibimuhera ububasha ahabwa n'umukandida wigenga, n'umutwe wa politiki cyangwa n'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki.
- (2) Imiterere y'icyemezo gihabwa uwamamaza umukandida iri ku mugerekwa wa 11 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 73: Ahabujijwe gukorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza

Ahabujijwe gukorerwa ibikorwa byo kwiyamamaza ni aha hakurikira:

- (a) mu mavuriro;
- (b) ku mashuri;
- (c) ku nsengero;
- (d) ku ngoro z'ubutabera;
- (e) mu masoko rusange.

Ingingo ya 74: Ibyitabwaho mu kumanika ibyamamaza abakandida

- (1) Umukandida wifuza kumanika ibimwamamaza imbere mu Gihugu, abikora ku giti cye cyangwa bigakorwa n'umwamamaza bubahiriza ibyagenwe n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge, cyangwa ibyo yumvikanye na nyir'ibyo agiye kumanikaho ibimwamamaza.
- (2) Umukandida ubyifuzza cyangwa umwamamaza ni bo bashyikiriza Ambasade cyangwa Konsila ibyamamaza uwo mukandida bifuzza kumanika kuri Ambasade cyangwa Konsila.

Ingingo ya 75: Ahemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida

Ahamanikwa ibyamamaza abakandida hemewe ni aha hakurikira:

- (a) ku nyubako za Leta, ahagenwa n'ubuyobozi bw'Akarere cyangwa ubw'Umurenge;
- (b) kuri Ambasade cyangwa kuri Konsila, mu mwanya ugenwa ku buryo bungana na

Ambasaderi cyangwa na Konsile;

- (c) ku nyubako z'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirazo;
- (d) ku binyabiziga by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo;
- (e) ku bindi bintu by'abantu ku giti cyabo, byumvikanyweho na ba nyirabyo.

Ingingo ya 76: Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida

Ahatemewe kumanikwa ibyamamaza abakandida ni aha hakurikira:

- (a) ku mavuriro;
- (b) ku mashuri;
- (c) ku nsengero;
- (d) ku ngoro z'ubutabera;
- (e) ku nkingi z'amashanyarazi uretse iziriho ibyapa byagenewe kwamamaza hakurikijwe amabwiriza abigenga.

Ingingo ya 77: Gukemura ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko, iyo havutse ibibazo birebana n'ibikorwa byo kwiyamamaza, abakandida bashobora kubishyikiriza Komisiyo. Iyo ibyo bibazo bidakemutse ku rwego rwa Komisiyo, uruhande rubifitemo inyungu rushobora kubiregera urukiko rubifitiye ububasha.

Ingingo ya 78: Ibibusijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza

Ibusijwe mu bikorwa byo kwiyamamaza ni ibi bikurikira:

- (a) gukoresha umutungo wa Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko;
- (b) gutanga no kwakira ruswa;
- (c) gukora cyangwa kuvuga icyahungabanya amahoro, ubumwe n'umutekano rusange by'Abanyarwanda;
- (d) gushingira ku ivangura iryo ari ryo ryose cyangwa amacakubiri;
- (e) gutuka cyangwa gusebya mu buryo ubwo ari bwo bwose undi mukandida;
- (f) kwiyamamaza mu gihe kitagenwe n'amategeko n'amabwiriza agenga amatora;
- (g) guca, kwangiza, cyangwa gusibanganya ifoto y'undi mukandida n'ikindi cyose kimwamamaza;
- (h) kwiyamariza ahantu hatamenyeshejwe ubuyobozi nk'uko biteganywa n'amategeko

n'amabwiriza agenga amatora;

- (i) guhamagarira abaturage gukora igikorwa cyangwa kugira imyifatire byahungabanya imigendekere myiza y'amatora;
- (j) gukoresha ibirango by'Ighugu ku mafoto cyangwa ku nyandiko byamamaza umukandida;
- (k) gukoresha ibimenyetso by'undi mukandida;
- (l) kwiyamamaza hakoreshejwe imbuga za murandasi cyangwa imbuga nkoranyambaga z'inezgo za Leta cyangwa iz'ibigo bigamije inyungu rusange.

UMUTWE WA VII: IBIREBANA N'ITORA NYIRIZINA

Icyiciro cya mbere: Imitunganyirize y'ahakorerwa itora

Ingingo ya 79: Igenwa ry'ibiro n'ibyumba by'itora

- (1) Komisiyo igena umubare w'ibiro by'itora ishingiye ku mubare n'imiterere by'Utugari tugize Ighugu.
- (2) Komisiyo igena umubare w'ibyumba by'itora ishingiye ku mubare w'Imidugudu igize Akagari no ku mubare w'abaturage banditswe ku ilisiti y'itora muri uwo Mudugudu.
- (3) Komisiyo itangaza ibiro by'itora n'ibyumba by'itora, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, bitarenze ku wa 29 Kamena 2024.

Ingingo ya 80: Ahatorera abasirikare n'abapolisi bacumbitse mu bigo

Abasirikare n'abapolisi bacumbitse mu bigo bashobora gutorera muri ibyo bigo, byemejwe na Komisiyo. Icyo gihe Komisiyo igena ibiro by'itora, ibyumba by'itora n'abatoresha hashingiwe ku mubare w'abasirikare cyangwa uw'abapolisi bacumbitse muri icyo kigo.

Ingingo ya 81: Ahakorerwa itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye

- (1) Komisiyo igena ahatorerwa Abadepite b'abagore mu itora riziguye ku rwego rw'Akagari.
- (2) Abagize inteko itora Abadepite b'abagore mu itora riziguye batorera aha hakurikira:
 - (a) ugize inteko itora wo muri Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'Abagore ku nzego zinyuranye atorera ku biro by'itora biri mu Kagari aho Umudugudu yatorewemo bwa mbere uherereye;
 - (b) ugize inteko itora wo mu Nama Njyanama y'Umurenge atorera mu Kagari yihiityemo ko mu Murenge abereye Umujyanama;
 - (c) ugize inteko itora wo mu Nama Njyanama y'Akarere cyangwa iy'Umuji wa Kigali atorera mu Kagari yihiityemo ko mu Karere abereye Umujyanama cyangwa ko mu Mujiyi wa Kigali.

- (3) Icyakora, abagize inteko itora Abadepite b'abagore mu itora riziguye kandi bari no mu bagize inteko itora Abadepite bahagarariye urubyiruko no mu nteko itora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga batorera aha hakurikira:
- (a) ugize inteko itora Abadepite b'abagore mu itora riziguye anagize inteko itora Abadepite bahagarariye urubyiruko atorera ahakorerwa itora ry'Abadepite bahagarariye urubyiruko;
- (b) ugize inteko itora Abadepite b'abagore mu itora riziguye anagize inteko itora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga atorera ahakorerwa itora ry'umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere.

Ingingo ya 82: Ahakorerwa itora ry'Abadepite bahagarariye urubyiruko

Komisiyo igena ahatorerwa Abadepite bahagarariye urubyiruko ku rwego rw'Ighugu, ikabimenesha inteko itora n'abakandida ku mwanya w'umudepite uhagarariye urubyiruko.

Ingingo ya 83: Ahakorerwa itora ry'umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga

- (1) Komisiyo igena ahatorerwa umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga muri buri Karere.
- (2) Abagize inteko itora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga batorera aha hakurikira:
- (a) ugize inteko itora wo muri Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Ighugu atorera ku biro by'itora byagenwe mu Karere yazamukiyemo;
- (b) ugize inteko itora wo muri Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujyi wa Kigali atorera ku biro by'itora byagenwe mu Karere yazamukiyemo;
- (c) ugize inteko itora wo muri Komite Nyobozi y'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Akarere atorera ku biro by'itora byagenwe muri ako Karere;
- (d) ugize inteko itora w'Umuhezabikorwa w'Inama y'Ighugu y'abantu bafite ubumuga ku rwego rw'Umurenge atorera ku biro by'itora byagenwe mu Karere uwo murenge uherereyemo.
- (3) Icyakora, ugize inteko itora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga ashobora kwiyandikisha ku ilisiti y'inteko itora yihiityemo, akabimenesha Umuhuzabikorwa w'itora mu Karere yari kuzatoreramo.

Ingingo ya 84: Itegurwa ry'ahatorerwa

- (1) Abayobora amatora bategura ibiro by'itora n'ibyumba by'itora nibura umunsi ubanziriza uw'itora, babifashijwemo n'ubuyobozi bw'inzego z'ibane n'abafatanyabikorwa ba Komisiyo.

- (2) Abayobora amatora, bakimara kwakira ibikoresho by'itora, basuzuma ko ibikoresho bimeze neza kandi byuzuye hashingiwe ku bikenewe mu cyumba cy'itora.
- (3) Abayobora amatora bashyira ku biro by'itora ibiranga amatora.

Ingingo ya 85: Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora mu gihe cy'itora

Abemerewe kwinjira mu cyumba cy'itora, itora rigikorwa, ni aba bakurikira:

- (a) umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora;
- (b) umuseseri;
- (c) utora ugiye gutora;
- (d) umwana ugiye gufasha utora;
- (e) uhagarariye Komisiyo kandi ufite ikimuranga;
- (f) uhagarariye umukandida kandi ufite ikimuranga;
- (g) indorerezi y'itora kandi ifite ikiyiranga;
- (h) umunyamakuru kandi ufite ikimuranga;
- (i) ushinzwe umutekano igihe yitabajwe na Perezida w'ibiro by'itora.

Ingingo ya 86: Ibujijwe mu cyumba cy'itora

Ibikorwa bikurikira birabujijwe mu cyumba cy'itora:

- (a) kwinjira mu bwiugiko mu masaha yo gutora utagiye gutora. Icyakora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ashobora kwinjira mu bwiugiko iyo nta muntu utora urimo hagamijwe kureba ko ibikoresho by'itora bikiri mu mwanya wabyo;
- (b) gufotorera mu bwiugiko umuntu urimo gutora;
- (c) gufotora urupapuro rw'itora rwatereweho.

Icivicro cya 2: Ibikoresho by'amatora

Ingingo ya 87: Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora

- (1) Ibikoresho bikenerwa mu cyumba cy'itora ni ibi bikurikira:
 - (a) udusanduku tw'itora tubiri n'imifuniko yatwo;
 - (b) imigozi yo gufunga agasanduku k'itora;

- (c) ilisiti y'itora;
 - (d) impapuro z'itora zitari munsi y'umubare w'abari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
 - (e) wino;
 - (f) *tampon spécial* nibura zingana n'ubwihugiko buri mu cyumba;
 - (g) impapuro zibarurirwaho amajwi;
 - (h) itara;
 - (i) amabahasha;
 - (j) imigerekwa iteganywa n'aya mabwiriza yuzuzwa ku munsi w'itora;
 - (k) marikeri;
 - (l) umukasi;
 - (m) *scotch*;
 - (n) *agrafeuse*;
 - (o) amakaramu;
 - (p) n'ibindi byakenerwa.
- (2) Icyakora, icyumba cy'itora gitorerwamo mu matora aziguye, gishyirwamo agasanduku k'itora kamwe n'umufuniko wako.

Ingingo ya 88: Ibiranga agasanduku k'itora

- (1) Agasanduku k'itora gashyirwamo urupapuro rwatoreweho Perezida wa Repubulika gafite umufuniko w'umweru kandi kometseho urupapuro rwanditsweho «AMATORA YA PEREZIDA WA REPUBLIKA YO MU 2024 ».
- (2) Agasanduku k'itora gashyirwamo urupapuro rwatoreweho Abadepite gafite umufuniko w'umukara kandi kometseho urupapuro rwanditsweho «AMATORA Y'ABADEPITE YO MU 2024».

Ingingo ya 89: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora rya Perezida wa Repubulika

- (1) Urupapuro rw'itora rukoreshwa mu itora rya Perezida wa Repubulika rufite ibara ry'umweru, kandi ruriho ibi bikurikira:
 - (a) amazina y'umukandida;
 - (b) ikimenyetso kiranga umutwe wa politiki, ishyirahamwe ry'imitwe ya politike cyangwa umukandida wigenga;

- (c) ifoto y'umukandida;
 - (d) umwanya wagenewe gutterwamo igikumwe cyangwa kuvivurwamo mu gihe cyo gutora.
- (2) Amazina y'abakandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika atondekwa ku rupapuro rw'itora hakurikijwe uko kandidatire zabo zakurikiranye zakirwa.
- (3) Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora rya Perezida wa Repubulika iri ku mugereka wa 12 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 90: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite ritaziguye

- (1) Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite ritaziguye rufite ibara rya kaki n'ibara ry'umweru riri aho utora atera igikumwe cyangwa avivura kandi ruriho ibi bikurikira:
 - (a) inyito y'umutwe wa politiki, iy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki, cyangwa izina ry'umukandida wigenga;
 - (b) ikimenyetso cy'umutwe wa politiki; icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki, cyangwa icy'umukandida wigenga;
 - (c) umwanya wagenewe gutterwamo igikumwe cyangwa kuvivurwamo mu gihe cyo gutora.
- (2) Inyito z'imitwe ya politiki, i'zishyirahamwe ry'imitwe ya politiki, cyangwa amazina y'abakandida bigenga bitondekwa ku rupapuro rw'itora hakurikijwe uko kandidatire zabyo zakurikiranye zakirwa.
- (3) Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite ritaziguye iri ku mugereka wa 13 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 91: Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite riziguye

- (1) Urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite riziguye rufite ibara ry'umweru kandi ruriho ibi bikurikira:
 - (a) amazina y'umukandida;
 - (b) ifoto y'umukandida;
 - (c) umwanya wagenewe gutterwamo igikumwe cyangwa kuvivurwamo mu gihe cyo gutora.
- (2) Amazina y'abakandida ku mwanya w'Abadepite mu itora riziguye atondekwa ku rupapuro rw'itora hakurikijwe uko kandidatire zabo zakurikiranye zakirwa.
- (3) Imiterere y'urupapuro rw'itora mu itora ry'Abadepite riziguye iri ku mugereka wa 14 w'aya mabwiriza.

Icyiciro cya 3: Ibireba abatora

Ingingo ya 92: Ibyangombwa umuntu uje gutora yitwaza

- (1) Umuntu wanditswe ku ilisiti y'itora y'icyumba cy'itora uje gutora yitwaza ikarita ndangamuntu ye cyangwa icyangombwa gisimbura ikarita ndangamuntu cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha. Iyo adafite kimwe muri ibyo byangombwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amwemerera gutora hamaze gukorwa igenzura.
- (2) Umuntu utanditswe ku ilisiti y'itora y'icyumba cy'itora uje gutora yitwaza ikarita ndangamuntu ye cyangwa icyangombwa gisimbura ikarita ndangamuntu n'icyangombwa cy'akazi kigaragaza ko atabasha gutorera aho yiyanikishirije.
- (3) Umuntu wanditswe ku ilisiti y'itora yo muri Ambasade cyangwa Konsila y'u Rwanda uje gutorera mu Rwanda yitwaza urupapuro rw'inzira n'inyandiko yemeza ko yanditswe ku ilisiti y'itora itangwa n'abashinzwe kuyobora itora muri Ambasade cyangwa Konsila y'aho abarizwa.
- (4) Umuntu wanditswe ku ilisiti y'itora yo mu Gihugu ugiye gutorera hanze y'Igihugu kuko umunsi w'itora wageze ari hanze y'Igihugu, yitwaza urupapuro rw'inzira n'icyemezo cyatanzwe n'umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere cyemeza ko yanditswe ku ilisiti y'itora muri ako Karere.

Ingingo ya 93: Abemerewe gutorera aho batanditswe

Abemerewe gutorera aho batiyandikishije ni aba bakurikira:

- (a) abashinzwe umutekano, bari mu kazi;
- (b) abanyamakuru bakurikirana igikorwa cy'amatora;
- (c) abashinzwe imirimo y'amatora;
- (d) abaganga;
- (e) abakora imirimo y'ubutabazi, bari mu kazi;
- (f) abarwayi n'abarwaza;
- (g) abari mu butumwa bw'akazi;
- (h) abahagarariye imitwe ya politiki, ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki cyangwa umukandida wigenga;
- (i) indorerezi z'itora z'Abanyarwanda;
- (j) Umunyarwanda uje mu Rwanda mu gihe cy'amatora ariko yariyandikishije ku ilisiti y'itora yo muri Ambasade cyangwa Konsila y'u Rwanda;
- (k) Umunyarwanda wiyanikishije mu Gihugu umunsi w'itora ukagera ari hanze y'Igihugu.

Ingingo ya 94: Aboroherezwa gutora mbere y'abandi

Aboroherezwa gutora mbere y'abandi ni –

- (a) abantu bageze mu zabukuru;
- (b) abantu bafite intenge nke;
- (c) ababyeyi bafite impinja;
- (d) ababyeyi batwite;
- (e) abantu bafite ubumuga;
- (f) n'abemerewe gutorera aho batiyandikishije.

Ingingo ya 95: Abemerewe kwifashisha ababatorera

abantu bemerewe kwifashisha ababatorera ni –

- (a) umuntu ufite ubumuga bwo kutabona kandi udashoboye gukoresha uburyo bwihariye bwateguwe na Komisiyo;
- (b) n'umuntu ufite ubumuga bw'amaboko butuma adashobora kwitorera cyangwa kwishyirira urupapuro rw'itora mu gasanduku.

Ingingo ya 96: Abemerewe gufasha abatora

Abemerewe gufasha abatora ni abana bafite nibura imyaka 14 ariko bataruzuza imyaka 18 y'amavuko. Ufashwa gutora agomba kuba na we ahibereye.

Icyiciro cya 4: Imihango yubahirizwa mu itora

Ingingo ya 97: Igihe cyo gutangira no gusoza itora ritaziguye

Itora ritaziguye ritangira saa moyza za mu gitondo rigasozwa saa cyenda z'amanywa.

Ingingo ya 98: Igihe cyo gutangira no gusoza itora riziguye

- (1) Itora riziguye ritangira saa tatu za mu gitondo rigasozwa saa cyenda z'amanywa.
- (2) Icyakora, Perezida wa Komisiyo ashobora gutanga uburenganzira bwo gusoza itora riziguye mbere ya saa cyenda z'amanywa, iyo abagize inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora bamaze gutora bose.
- (3) Itora riziguye ritangira iyo hari nibura kimwe cya kabiri cy'umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora, bimaze kwemezwa na

Perezida wa Komisiyo abisabwe n'Umuhezabikorwa w'itora ku rwego rw'iylo fasi.

- (4) Iyo saa munani z'amanywa zigeze kimwe cya kabiri cy'abagize inteko itora ku rwego rw'ifasi y'itora kitaruzura, itora rirasubikwa rigasubukurwa mu gihe kitarenze iminsi irindwi uhoreye ku munsi itora riziguye risubikiwe kuri iyo fasi.

Ingingo ya 99: Igihe ntarengwa cyo kongera igithe cy'itora

Igihe ntarengwa cyo kongera igithe cy'itora ritaziguye cyangwa itora riziguye ni saa kumi n'ebiye z'umugoroba.

Ingingo ya 100: Isaha abayobora amatora bagerera ku biro by'itora

- (1) Ku munsi w'itora, abayobora amatora ataziguye bagera ku biro by'itora bitarenze saa kumi n'ebiye za mu gitondo.
- (2) Ku munsi w'itora, abayobora amatora aziguye bagera ku biro by'itora bitarenze saa mbiri za mu gitondo.

Ingingo ya 101: Ibikorwa mbere yo gutangira gutora

Mbere yo gutangira gutora, abayobora amatora bakora mu buryo bukurikiranye ibikorwa bikurikira:

- (a) kurahira;
- (b) gusuzuma ko ibikoresho by'amatora byose bihari;
- (c) kugenzura ko ibikoresho by'amatora biri mu mwanya wabyo;
- (d) gusobanurira abaturage bahari uko amatora ari bugende;
- (e) gufungura agasanduku k'itora no kwereka abaturage ko nta kintu kirimo;
- (f) gufunga agasanduku k'itora;
- (g) kubarura impapuro z'itora ziri mu cyumba cy'itora;
- (h) kugena no kugenzura imyanya y'abemerewe kwicara mu cyumba cy'itora;
- (i) kugenzura ko ubwihugiko bw'itora buteguye neza;
- (j) kuzuza inyandikomvugo itangiza itora.

Ingingo ya 102: Indahiro y'abayobora amatora

- (1) Mbere yo gutangiza itora, Perezida w'ibiro by'itora, Umuhezabikorwa w'icyumba cy'itora n'abaseseri barahirira imbere y'abaturage bahageze.
- (2) Perezida w'ibiro by'itora abanza kurahira wenyine mbere yo kuyobora umuhango

w'irahira ry'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora n'abaseseri b'itora.

- (3) Abamaze kurahira bose bashyira umukono ku nyandiko y'indahiro yabo.
- (4) Imiterere y'indahiro y'abayobora amatora iri ku mugerekwa wa 15 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 103: Gusobanura uko amatora agenda

Perezida w'ibiro by'itora n'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora basobanurira muri make abantu baje gutora ibisabwa kugira ngo umuntu yemererwe gutora n'inzira y'itora.

Ingingo ya 104: Gufunga agasanduku k'itora

- (1) Mbere yo gutangira itora, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mpande enye bakoresheje imigozi yabugenewe.
- (2) Iyo itora rirangiye, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bafunga agasanduku k'itora mu mwanya wanyuzwagamo impapuro z'itora bakoresheje umugozi wabugenewe.

Ingingo ya 105: Kuzuza inyandikomvugo itangiza itora

- (1) Nyuma yo kurahira no gusobanurira abaturage uko itora riri bugende, Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yuzuza inyandikomvugo itangiza itora.
- (2) Imiterere y'inyandikomvugo itangiza itora iri ku mugerekwa wa 16 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 106: Integuza yo gusoza itora

- (1) Integuza yo gusoza itora itangwa saa munani n'iminota mirongo itatu z'amanywa.
- (2) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora yibutsa abaje gutora bari ku murongo n'abayobora amatora ko isaha yo gusoza itora yegereje.

Ingingo ya 107: Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora

- (1) Abemererwa gutora nyuma y'isaha yo gusoza itora ni abantu bari ku murongo w'abaje gutora kandi bahageze mbere y'uko isaha yo gusoza itora igera.
- (2) Abo bantu bemererwa gukomeza gutora kugeza igihe bose barangirije gutora.

Ingingo ya 108: Iyongerwa ry'igihe cyo gutangira cyangwa gusoza itora

- (1) Iyo hari impamu ituma itora ridatangirira igihe cyangwa ridasorezwa igihe, komite itoresha ishobora guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora nyuma yo kubimenesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo.
- (2) Kumenyesha no kugisha inama Perezida wa Komisiyo bikorwa n'umuyobozi wa

komite itoresha abinyujije ku –

- (a) umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge;
 - (b) umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere;
 - (c) umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Intara cyangwa Umujyi wa Kigali;
 - (d) no ku mukomiseri ukurikirana amatora muri iyo ntara cyangwa Umujyi wa Kigali.
- (3) Icyemezo cyo guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora gishyirwa mu bikorwa bimaze kwemezwa na Perezida wa Komisiyo.
- (4) Iyo guhindura isaha yo gutangira cyangwa iyo gusoza itora bimaze kwemezwa, umuyobozi wa komite itoresha abikorera inyandikomvugo.
- (5) Imiterere y'inyandikomvugo yongera igihe cyo gutangira cyangwa icyo gusoza itora iri ku mugereka wa 17 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 109: Isubikwa ry'itora

- (1) Iyo hari impamvu ishobora gutuma itora risubikwa, ku rwego runaka, umuhuzabikorwa w'itora ku rwego bireba abimenyesha Perezida wa Komisiyo, abinyujije ku bahuzabikorwa b'itora bamukuriye no ku mukomiseri ukurikirana amatora ku rwego rw'intara bireba cyangwa urw'Umujyi wa Kigali.
- (2) Icyemezo cyo gusubika itora ku rwego runaka, gifatwa na Perezida wa Komisiyo, akabimenyesha umukomiseri ukurikirana amatora ku rwego rw'intara bireba cyangwa urw'Umujyi wa Kigali, na we akabimenyesha abahuzabikorwa b'itora mu nzego bireba.
- (3) Iyo gusubika itora bimaze kwemezwa, uyobora amatora ku rwego itora ryasubitsweho abikorera inyandikomvugo.
- (4) Komisiyo imenyesha abo bireba bose ibijyanye n'isubukurwa ry'itora ryasubitswe.
- (5) Imiterere y'inyandikomvugo isubika itora iri ku mugereka wa 18 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 110: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora mu cyumba cy'itora

- (1) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri bakora inyandikomvugo isoza itora mu cyumba bashinzwe. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 19 w'aya mabwiriza.
- (2) Iyo inyandikomvugo isoza itora imaze gukorwa, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afungira agasanduku k'itora batoreyemo, mu ruhame.
- (3) Umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora afatanyije n'abaseseri begeranya –
 - (a) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'itora y'icyumba cy'itora;

- (b) umubare w'abantu batoye banditswe ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
- (c) umubare w'abantu batoreye muri icyo cyumba batanditswe ku ilisti y'itora yacyo;
- (d) umubare w'impapuro z'itora zakoreshejwe muri icyo cyumba;
- (e) n'umubare w'impapuro z'itora zitakoreshejwe muri icyo cyumba.

Ingingo ya 111: Ibikorwa nyuma yo gusoza itora ku biro by'itora

- (1) Perezida w'ibiro by'itora afatanyije n'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora bakora inyandikomvugo igaragaza imigendekere y'amatora ku biro by'itora. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 20 w'aya mabwiriza.
- (2) Perezida w'ibiro by'itora ashyikiriza iyo nyandikomvugo umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere, abinyujije ku mukorerabushake w'amatora ku rwego rw'Umurenge.

Icyiciro cya 5: Uburyo gutora bikorwa

Ingingo ya 112: Uburyo bwo kuzinga urupapuro rw'itora

Urupapuro rw'itora rubanza kuzingwa mu burebure, hanyuma mu bugari bwarwo. Utora ahawa urupapuro rurambuye ariko rugaragaza inzira y'imizingire yarwo.

Ingingo ya 113: Uburyo bwo gutora Perezida wa Repubulika

- (1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwiugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu kabugenewe gakurikira ifoto y'umukandida umwe ahisemo.
- (2) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwiugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

Ingingo ya 114: Uburyo bwo gutora Abadepite mu itora ritaziguye

- (1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwiugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu gakurikira ikimenyetso cy'umutwe wa politiki, icy'ishyirahamwe ry'imitwe ya politiki cyangwa icy'umukandida wigenga ahisemo.
- (2) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwiugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

Ingingo ya 115: Uburyo bwo gutora Abadepite b'abagore mu itora riziguye

- (1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwiugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu kabugenewe gakurikira ifoto y'umukandida ahisemo.
- (2) Utora ahitamo umukandida umwe cyangwa bensi, ariko batarenze umubare wagonwe

mu buryo bukurikira:

- (a) mu Ntara y'Amajyaruguru: abakandida bane;
 - (b) mu Ntara y'Amajyepfo: abakandida batandatu;
 - (c) mu Ntara y'Iburasirazuba: abakandida batandatu;
 - (d) mu Ntara y'Iburengerazuba: abakandida batandatu;
 - (e) mu Mujyi wa Kigali: abakandida babiri.
- (3) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwiugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

Ingingo ya 116: Uburyo bwo gutora Abadepite bahagarariye urubyiruko

- (1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwiugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu kabugenewe gakurikira ifoto y'umukandida ahisemo.
- (2) Utora ahitamo umukandida umwe cyangwa abakandida babiri.
- (3) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwiugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

Ingingo ya 117: Uburyo bwo gutora umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga

- (1) Iyo utora amaze guhabwa urupapuro rw'itora, yinjira mu bwiugiko, agatera igikumwe cyangwa akavivura n'ikaramu mu kazu kabugenewe gakurikira ifoto y'umukandida umwe ahisemo.
- (2) Iyo utora amaze gutora, azinga urupapuro rw'itora, mbere yo gusohoka mu bwiugiko, akajya gushyira mu gasanduku k'itora urupapuro yatoreyeho.

Icyiciro cya 6: Ibikwa ry'impapuro z'itora n'ibikoresho by'itora

Ingingo ya 118: Ibikwa ry'impapuro z'itora

- (1) Iyo ibarura ry'amajwi rirangiye, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora akusanya impapuro zatoreweho n'izitatoreweho mu cyumba cy'itora, akazibika mu gasanduku k'itora, akagafunga.
- (2) Perezida w'ibiro by'itora akusanya udusanduku turimo impapuro zirebana n'itora, akadushyikiriza umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge, na we akadushyikiriza umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere.
- (3) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere, umukozi w'ambasade cyangwa umukozi wa konsila babika udusanduku turimo impapuro zirebana n'itora ku biro by'Akarere cyangwa ku biro bya ambasade cyangwa ibya konsila kugeza igihe

hatangarijwe burundu ibyavuye mu matora.

Ingingo ya 119: Ibikwa ry'ibikoresho by'itora

- (1) Iyo itora rirangiye, Perezida w'ibiro by'itora akusanya ibikoresho by'itora byakoreshejwe n'ibitakoreshejwe, akabikorera inyandiko igaragaza ubwoko n'umubare w'ibikoresho bishobora kuzakoreshwa mu matora ataha.
- (2) Perezida w'ibiro by'itora ashyikiriza ibikoresho by'itora byakusanyijwe umukorerabushake wo ku rwego rw'Umurenge, na we akabishyikiriza umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere kugira ngo abibike.

UMUTWE WA VIII: IBARURA N'IHUZWA RY'AMAJWI

Icyiciro cya mbere: Ibyubahirizwa mu ibarura n'ihuzwa ry'amajwi

Ingingo ya 120: Itora riherwaho mu ibarura ry'amajwi

Mu ibarura ry'amajwi mu matora ataziguye, gufungura agasanduku kashyizwemo impapuro zatoreweho Perezida wa Repubulika no kubarura amajwi y'itora ku mwanya wa Perezida wa Repubulika bikorwa mbere yo gufungura agasanduku kashyizwemo impapuro zatoreweho Abadepite no kubarura amajwi y'itora ku mwanya w'umudepite.

Ingingo ya 121: Ijwi rifatwa nk'imfabusa

Ijwi rifatwa nk'imfabusa iyo urupapuro rw'itora –

- (a) rudahuye n'urupapuro rw'itora rwagenwe;
- (b) ruriho ibimenyetso binyuranye n'ibyateganyijwe gukoreshwa;
- (c) rutagaragaza bihagije umukandida watowe;
- (d) uwatoye yarwimenyekanishijeho;
- (e) rwashyizwe mu gasanduku k'itora ariko rutatoreweho;
- (f) rwanditseho ibindi bintu;
- (g) rwatoreweho umukandida wakuyemo kandidatire ye;
- (h) rwatoreweho umukandida wahagaritswe;
- (i) uwatoye yateye igikumwe cyangwa yavivuye hagati y'abakandida babiri;
- (j) rwatoreweho umubare w'abakandida urenga uwagenwe;
- (k) n'yo rwashyizwe mu gasanduku k'itora katabugenewe.

Ingingo ya 122: Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida

Ijwi ribarwa nk'ijwi ry'umukandida iyo uwatoye yateye igikumwe cyangwa akavivura –

- (a) mu kazu kabugenewe;
- (b) mu kazu kanditswemo izina ry'umukandida;
- (c) mu kazu karimo ikimenyetso kiranga umukandida;
- (d) no mu kazu karimo ifoto y'umukandida.

Ingingo ya 123: Kumenyekanisha ibyavuye mu ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora

- (1) Nyuma yo kubarura amajwi no kuzuza inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora, umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora amenyekanisha ibi bikurikira:
 - (a) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
 - (b) umubare w'abantu banditswe ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba batoye;
 - (c) umubare w'abantu batoye batari ku ilisiti y'itora y'icyo cyumba;
 - (d) umubare w'impapuro z'itora zatoreweho;
 - (e) umubare w'amajwi buri mukandida yabonye;
 - (f) umubare w'impapuro z'itora zabaye imfabusa;
 - (g) umubare w'impapuro z'itora zitatoreweho.
- (2) Imiterere y'inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora iri ku mugereka wa 21 w'aya mabwiriza.
- (3) Inyandikomvugo y'ibarura ry'amajwi mu cyumba cy'itora yuzuzwa muri kopi ebyiri. Kopi imwe umuhuzabikorwa w'icyumba cy'itora ayishyira mu gasanduku k'itora indi akayishyikiriza abo bireba mu buryo bukurikira:
 - (a) Perezida w'ibiro by'itora, mu itora ritaziguye;
 - (b) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere, mu itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye;
 - (c) Perezida wa Komisiyo, mu itora ry'Abadepite bahagarariye urubyiruko;
 - (d) Perezida wa Komisiyo, mu itora ry'umudepite uhagarariye abantu bafite ubumuga.

Ingingo ya 124: Ahamanikwa inyandiko zahurijweho ibyavuye mu itora

Kuri buri rwego rwahurijweho amajwi, inyandiko zihurizwaho ibyavuye mu matora zimanikwa ahantu hakurikira:

- (a) ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali, zimanikwa ku biro by'umuhuzabikorwa w'itora;
- (b) ku rwego rwa Ambasade cyangwa urwa Konsila, zimanikwa ku biro bya ambasade cyangwa ibya konsila;
- (c) ku rwego rw'Akarere, zimanikwa ku biro by'umuhuzabikorwa w'itora mu Karere;
- (d) ku rwego rw'ibiro by'itora, zimanikwa aho amatora yabereye;
- (e) ku rwego rw'Igihugu, zishyirwa ku rubuga rwa murandasi www.nec.gov.rw rwa Komisiyo.

Ingingo ya 125: Uburyo itora risubirwamo ku banganyije amajwi ku nshuro ya mbere

- (1) Mu itora riziguye, iyo hari abakandida nibura babiri banganyije amajwi kandi bahatanira umwanya umwe cyangwa myinshi mu myanya yagenwe, hakoresha irindi tora hagati y'abanganyije amajwi mu gihe kitarenze iminsi itatu. Itora risubirwamo inshuro imwe gusa.
- (2) Iyo mu itora ryasubiwemo abakandida nibura babiri bongeye kunganya amajwi, hakoresha tombola kugira ngo hamenyekane uwegukanye umwanya.

Ingingo ya 126: Uburyo tombola ikorwa ku banganyije amajwi ku nshuro ya kabiri

- (1) Muri tombola, Perezida wa Komisiyo cyangwa uwo yabihereye ububasha akoresha impapuro ziriho kashe ya Komisiyo, akandika ijambu YEGO ku mpapuro zingana n'umubare w'abakandida babura kugira ngo umubare w'imyanya wagenwe wuzure, izisigaye akandikaho ijambu OYA.
- (2) Perezida wa Komisiyo cyangwa uwo yabihereye ububasha azinga neza impapuro zanditsweho YEGO n'izanditsweho OYA akazishyira ahagaragara. Buri mu bakandida banganyije amajwi ahitamo urupapuro rumwe, utoye urupapuro rwanditsweho YEGO aba yegukanye umwanya.

Ingingo ya 127: Uburyo bwo gutangaza ibyavuye mu itora

- (1) Perezida wa Komisiyo cyangwa undi yabihereye ububasha atangaza ibyavuye mu matora by'agateganyo n'ibyavuye mu matora bya burundi abinyujije mu itangazamakuru, ku rubuga rwa murandasi rwa Komisiyo, no mu bundi buryo bwagenwa na Komisiyo.
- (2) Perezida wa Komisiyo abanza gutangaza ibyavuye mu itora rya Perezida wa Repubulika agakurikizaho ibyavuye mu itora ry'Abadepite.

Icyiciro cya 2: Ibarura n'ihuzwa ry'amajwi

Ingingo ya 128: Ibarura ry'amajwi

- (1) Ibarura ry'amajwi rikorwa itora rikimara gusozwa. Icyakora, muri ambasade cyangwa muri konsila, ibarura ry'amajwi rikorwa ku wa 15/07/2024 nyuma ya saa cyenda z'amanywa ku masaha yo mu Rwanda.
- (2) Iyo ibarura ry'amajwi ritangiye, ntirihagarikwa kugeza rirangiye. Icyakora, iyo habaye impamvu idasanzwe ituma rihagarikwa ritarangiye, bikorwa bimaze kwemezwa na Perezida wa Komisiyo.
- (3) Mu ibarura ry'amajwi, hifashishwa urupapuro rubarurirwaho amajwi.
- (4) Iyo kubarura amajwi birangiye, impapuro zabaruriweho amajwi zibikwa mu gasanduku k'itora.

Ingingo ya 129: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'ibiro by'itora

- (1) Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'ibiro by'itora bikorwa na Perezida w'ibiro by'itora, ahuza ibyavuye mu itora mu byumba by'itora bigize ibyo biro by'itora, yashyikirijwe n'abahuzabikorwa b'ibyumba by'itora.
- (2) Iyo Perezida w'ibiro by'itora arangije guhuza ibyavuye mu itora abimenyesha abantu bahari.
- (3) Perezida w'ibiro by'itora yuzuza inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku biro by'itora, mu nyandiko ebyiri, imwe imanikwa ku biro by'itora n'indi yohererezwa umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere. Imiterere y'inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku biro by'itora iri ku mugereka wa 22 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 130: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Akarere

- (1) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere ahuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye ku biro by'itora bigize Akarere.
- (2) Iyo, umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere arangije guhuza ibyavuye mu itora abimenyesha abantu bahari.
- (3) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere yuzuza inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Akarere, mu nyandiko ebyiri, imwe imanikwa ku biro by'umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere n'indi yohererezwa Perezida wa Komisiyo mu ibahaha ifunze iteyeho kashe, cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga. Imiterere y'inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Akarere iri ku mugereka wa 23 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 131: Ihuzwa ry'amajwi mu itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye

- (1) Ihuzwa ry'amajwi mu itora ry'Abadepite b'abagore mu itora riziguye rikorwa n'umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere.

- (2) Iyo umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere arangije guhuza ibyavuye mu itora abimenyesha abantu bahari.
- (3) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Akarere, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye mu byumba by'itora bigize Akarere, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Akarere, ikohererezwa umuhuzabikorwa w'amatora ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali, mu ibahaha ifunze neza iteyeho kashe, cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 23 w'aya mabwiriza.
- (4) Umuhuzabikorwa w'itora ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali, amaze guhuriza hamwe amajwi ya buri mukandida yavuye mu turere twose tugize Intara cyangwa Umujiyi wa Kigali, amenyesha abahari ibyavuye mu matora, akanakora inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Intara cyangwa urw'Umujiyi wa Kigali, ikohererezwa Perezida wa Komisiyo mu ibahaha ifunze neza iteyeho kashe, cyangwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 24 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 132: Ihuzwa ry'amajwi muri ambasade cyangwa konsila

- (1) Ihuzwa ry'amajwi yo muri ambasade cyangwa konsila rikorwa n'umukozi w'ambasade cyangwa umukozi wa konsila.
- (2) Iyo umukozi w'ambasade cyangwa umukozi wa konsila arangije guhuza ibyavuye mu itora ashikiriza Perezida wa Komisiyo inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi yifashishije uburyo bw'ikoranabuhanga. Imiterere y'inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi muri ambasade cyangwa konsila iri ku mugereka wa 25 w'aya mabwiriza.

Ingingo ya 133: Ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Ighugu

- (1) Perezida wa Komisiyo ahuriza hamwe ibyavuye mu matora mu Gihugu, muri Ambasade na Konsila.
- (2) Perezida wa Komisiyo akora inyandikomvugo y'ihuzwa ry'amajwi ku rwego rw'Ighugu. Imiterere y'iyo nyandikomvugo iri ku mugereka wa 26 w'aya mabwiriza.

UMUTWE WA IX: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA

